REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO
Website: ***www.nic.gov.rw***
Email: ***info@nic.gov.rw***

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWITABIRA ITORERO RY'URUBYIRUKO RIZAKORWA HIFASHISHIJWE IKORANABUHANGA

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (NIC) ifatanyije n'izindi Nzego yateguye Itorero ry'Urubyiruko rizakorwa hifashishijwe uburyo bw'Ikoranabuhanga **"E-ITORERO INDAHANGARWA"** kuva tariki **26 Nyakanga kugeza tariki 8 Kanama 2021**. Iri Torero rizitabirwa n'Urubyiruko rw'Abanyarwanda ruba mu mahanga n'Indashyikirwa zizatoranywa mu rubyiruko rutuye mu Rwanda, kugira ngo batozwe indangagaciro nyarwanda zubaka umuco w'ubutore.

Ibisabwa abazitabira Itorero

1. Kuba ari Umunyarwanda ufite icyangombwa kimuranga ikarita ndangamuntu cyangwa Pasiporo n'ikarita y'ishuri ku banyeshuri barangije mu mashuri mpuzamahanga.
2. Kuba afite imyaka y'amavuko **hagati ya 18 na 35**.
3. Kuba yararangije nibura amashuri yisumbuye (S6).
4. Kuba yabona umwanya wo gutozwa kuva tariki **26 Nyakanga kugeza tariki 8 Kanama 2021 hakurikijwe amasaha y'aho aherereye:**

    a. Afurika, Uburayi, Aziya na Oseyaniya: 10h00-14h00 (isaha y'i Kigali) =UTC+2.

    b. Ibihugu by'Amerika: 17h00-21h00 (isaha y'i Kigali) =UTC+2.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero irakangurira abujuje ibisabwa kwiyandikisha bakibona iri tangazo.

Uburyo bwo kwiyandikisha

Uwifuza kwitabira iri Torero arasabwa kwiyandikisha kuva tariki ya **26 Kamena kugera tariki ya 23 Nyakanga 2021**. Kwiyandikisha bikorwa huzuzwa ifishi iboneka ku mbuga zikurikira:

1. www.nic.gov.rw ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.
2. www.mineduc.gov.rw ya Minisiteri y'Uburezi.
3. www.minaffet.gov.rw ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.

Uburyo bwo gusubiza abasabye kwitabira Itorero

Uwasabye kwitabira Itorero azahabwa igisubizo kuri e-mail azaba yatanze mu mwirondoro we mu gihe cyo kwiyandikisha.

Ku bindi bisobanuro mwabaza:

1. Madamu UZARAMA Fausta , Telefone + 250 785 556 388
   E-mail: fuzarama@nic.gov.rw
2. Madamu UWIMBABAZI MAZIYATEKE Sandrine, Telefone + 250 782 706 730;
   E- mail: suwimbabazi@minaffet.gov.rw
3. Bwana NGABOYERA Valens, Telelefoni + 250 788 535 045
   E-mail : vngaboyera@mineduc.gov.rw

Bikorewe i Musanze, kuwa 25 Kamena 2021.

Signature numérique de NIC (Vice Chairperson)
Date : 2021.06.25 20:42:14 +02'00'

Désiré MIGAMBI MUNGAMBA
Lt Col
Visi Perezida wa Komisiyo